**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

**IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO WO WO KWIBUKA IMIRYANGO YAZIMYE**
**Nyanza, TALIKI YA 11/05/2019**

**Bayobozi batandukanye muteraniye hano;**

**Ba Nyamuryango ba GAERG, baturage b'Akarere ka Nyanza ndetse n'abandi mwaje kwifatanya n'abanyamuryango ba GAERG muri uyu muhango wo kwibuka imiryango yazimye burundu yishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi;**

Mbere na mbere nagira ngo, mu izina rya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe wansabye kumuhagararira uyu munsi kubera ko atabashije kuba ari kumwe natwe nk'uko yabyifuje, no mu izina ryanjye bwite, mbanze mfate mu mugongo abibuka ababo kandi bacu twese.

Ndabashimira kuba mwaje kwitabira uyu muhango; ariko cyane cyane ndabihanganisha, mbasaba gufatana mu mugongo muri ibi bihe twibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi, by'umwihariko imiryango yazimye.

Ndashimira byimazeyo Umuryango wa GAERG utegura iki gikorwa cy'umwihariko buri mwaka cyo kwibuka abishwe muri Jenoside batakigira ababakomokaho. GAERG

mwanabaye intwari kuba mwaresheje umuhigo wo kubarura imiryango yazimye mu Turere twose tw'igihugu mukaba mwarashoboye kuduha ishusho yayo, aho mwasanze iyo miryango igera kuri **15.593** ikaba yari igizwe n'abantu **68.871.** Iki gikorwa mwakoze ni umusanzu ukomeye mu kubungabunga amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi no kugaragaza ubukana yakoranwe.

Kuba urubyiruko mugize Umuryango wa GAERG mwafashe iya mbere kugira ngo mutangize iki gikorwa cyo kudukangurira kwibuka imiryango yazimye ni ikigaragaza ko urubyiruko rw'igihugu cyacu rufite intumbero y'igihe kizaza yo kubungabunga amateka yacu, no gutera ikirenge mu cy'urubyiruko rwafashe iya mbere mu kubohoza igihugu cyacu.

Nkaba nsaba urubyiruko muri rusange kugira ibitekerezo bizima bitandukanye n'iby'urubyiruko rwa za leta zabanjirije iyi ; kandi nabamenyesha ko Leta y'ubumwe ishyigikiye urubyiruko mu bitekerezo byiza bigamije guhindura abagifite imyumvire yashenye igihugu mu bihe byahise.

Kuba GAERG yarabaruye imiryango yazimye, ni intangiriro ifungura ubushakashatsi bw'igihe kizaza kuri iyo miryango yazimye burundu muri Jenoside yakorewe Abatutsi. Bitewe n'uburyo n'igihe amakuru kuri iyo miryango yakusanyijwe, hari henshi amazina y'imiryango yibagiranye cyangwa hakaboneka amakuru atuzuye.

Mbonereho umwanya wo gushishikariza buri wese gukomeza gushaka amakuru ku miryango yazimye kugira ngo aho amazina yabo ataramenyekana nayo tuyamenye, bityo turusheho kubungabunga amateka yacu no gukomeza guha icyubahiro gikwiye abo bishwe bagashira.

Insanganyamatsiko GAERG yahisemo igira iti : « ***Ntukazime nararokotse*** » ni igisobanuro cyo kwizeza imiryango itakigira uwarokotse numwe, ko batazazima duhari nk'abanyarwanda, ntibazibagirana bibaho ; turahari kugira ngo dukomeze tubabere aho batari, turahari kugira ngo tubaheshe ishema nk'igihugu cyaciye ukubiri na politiki y'ingengabitekerezo y'urwango, ivangura n'amacakubiri.

Gahunda yo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi buri mwaka, Leta yihaye, ni inzira twahisemo yo gukumira Jenoside n'ingengabitekerezo yayo no kurwanya abapfobya n'abahakana Jenoside yakorewe Abatutsi. Nkaba nsaba by'umwihariko mwebwe Urubyiruko murimo abayobozi b'ejo b'igihugu cyacu, ko iyo gahunda mwayigira iyanyu.

Nshingiye ku kamaro k'ubushakashatsi bwiza mwakoze ku Miryango yazimye, mboneyeho no gushimira bamwe mu Banyamuryango ba GAERG bamaze kwandika ibitabo by'ubuhamya bw'ibyabakorewe mu gihe cya Jenoside. Ibyo bitabo nabyo ni umusanzu ukomeye mu kumenyekanisha amateka ya Jenoside no kuyabangabunga kuko abayagoreka bagihari kandi tukaba tugomba kubarwanya tudagoheka.

Mboneyeho gusaba n'abandi banyamuryango ba GAERG na AERG ndetse n'abandi banyarwanda muri rusange kwandika ubuhamya bw'ibyababayeho n'ibitabo by'amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi kugira ngo dufatanye twese guha u Rwanda rw'ejo aho ruzahera rumenya amateka yaranze igihugu cyacu, bityo bibabere urumuri rwo gusigasira ibyiza tumaze kugeraho no gutera intambwe yo kubaka u Rwanda no kwiyubaka ubwacu.

**Banyamuryango wa GAERG, Nshuti bavandimwe**

Nkuko twabigaragarijwe mu biganiro twahawe no mu buhamya twumvise, Jenoside mu yahoze ari Perefegitura ya Butare muri rusange no mu Karere ka Nyanza twibukiyemo uyu munsi, yarateguwe kandi ku isonga ry'abayiteguye bakanashishikariza abaturage kuyikora, harimo abafatwaga nk'abanyabwenge n'injijuke, barimo abanyapolitiki bakuru nka Sindikubwabo Tewodori wari Perezida wa Repuburika na Kambanda Jean wari Minisitiri w'Intebe, bose bavuka mu yahoze ari Perefegitura ya Butare, bakaba aribo babaye ku isonga yo kuva i Kigali bakaza gushishikariza iyicwa ry'Abatutsi i Butare muri mata 1994, kandi abaturage bo mu yahoze ari Butare bari banze kwitabira ubwicanyi. Ni igikorwa kigayitse, kibabaje, u Rwanda n'amahanga azahora agayira abateguye Jenoside n'abayikoze mu buryo bwose bakoresheje.

By’umwihariko, abo bayobozi babi, tuzahora tubagayira kuba barashoye urubyiruko mu bwicanyi no kuba barishe urundi rubyiruko rwagombye ubu ngubu kuba rugize ubukungu bw’igihugu n’iterambere ryacyo.

Isomo dukwiye kuvanamo nuko abayobozi turi mu nzego zitandukanye z’iki gihugu cyacu, tugomba kujya tuzirikana ko abatubanjirije babaye ibigwari, akaba ariyo mpamvu dufite inshingano zo guhesha agaciro inzego turimo zitandukanye, tugaragaza ubudasa burangwa n’ubumwe bwacu, gukorera mu mucyo aho kugana mu mwijima n’amacakubiri nk’ibyaranze Leta za mbere. Ni inzira rero ebyiri zihari zo guhitamo. Amahitamo yacu arigaragaza, akaba ari naho duhera dushishikariza abanyarwanda muri rusange gushyira imbere ubumwe, ukuri n’iterambere.

Bavandimwe dusangiye ubunyarwanda bamwe muri bari ku isonga ryo gutegura no gushyira mu bikorwa Jenoside, na nubu baracyidegembya hirya no hino ku isi, bamwe bari no hafi aha ngaha mu bihugu by’abaturanyi nkuko mwabigaragaje ku birebana n’impunzi z’Abarundi zishe abantu mu yahoze ari Perefegitura ya Butare ndetse no mu zindi Perefegitura nka Gitarama na Cyangugu. Ntituzahwema gusaba ibihugu bibacumbikiye ko bafatwa, bakabazwa ibyo basize bakoze binyuze mu nzego z’Ubutabera, zaba iz’ibyo bihugu cyangwa kubohereza mu Rwanda aho bakoreye ibyo byaha, kugira ngo bahaburanishirizwe.

Umwanya nk’uyu wo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, tuboneraho kugaya ubutabera bw’ibihugu bimwe na bimwe amadosiye y’abakekwaho ibyaha bya Jenoside ahora mu isuzuma ritarangira no gukora iperereza ariko ntihagire umwanzuro ufatwa ngo baryozwe ibyo basize bakoze. Ariko kandi ni n’umwanya wo gushima ibihugu byafashe abakekwaho Jenoside bikababuranisha ndetse n’ibibohereza kuburanishirizwa mu Gihugu cyacu. Turasaba ibyo bihugu gukomereza aho, kugira ngo n’ibindi birebereho umurongo mwiza byihaye.

Muri iki gikorwa cyo kwibuka imiryango yazimye cyateguwe n'urubyiruko, tubonereho no kuzirikana urubyiruko rw'ingabo zari iza FPR Inkotanyi zari ziyobowe n'umukuru w'igihugu cyacu, zitanze zitizigamye zikabohora igihugu. Kuba ubu ngubu dufite igihugu gitekanye kiduha umwanya nk'uyu ukomeye wo kwibuka Jenoside nuko tubikesha ubwitange bukomeye bw'abo basore n'abakobwa b'Inkotanyi babohoye igihugu cyacu. Ni akazi gakomeye bakoze tuzahora tubibukiraho nk'abanyarwanda. Hari benshi baguye ku rugamba rwo kubohora igihugu, hari n'abafite ubumuga bakomora ku rugamba; abo bose ntidukwiye kubibagirwa kuko aribo dukesha amahirwe dufite yo kuba mu gihugu cyiza.

Kuba twibuka uyu munsi, tukamagana Jenoside n'ingengabitekerezo yayo ni uko igihugu gifite ubuyobozi bwiza, igihugu gifite umutekano, gifite abaturage bazima baha agaciro ikiremwa muntu, cyane cyane bagendeye kuri gahunda z'ubuyobozi budushishikariza gusenyera umugozi umwe ; ibi bikaba bidusaba kunga ubumwe nk'abanyarwanda.

Imiryango twibuka hano nubwo yazimye, ikaba ntawuyikomokaho ugihari, turemeza ko itazimye burundu kuko turahari kandi tuzabibuka igihe cyose. Tuzabibuka nk'igihugu, tuzabibuka nk'abanyarwanda dushyize hamwe. N'ubwo batatwumva reka tubifurize kuruhukira mu mahoro kandi tuzirikane ko igihugu bagiye gitemba amaraso uyu munsi gitemba amata n'ubuki nkuko bapfuye babyifuza, ko ubumwe baharaniye bwatsinze amacakubiri, ko mu Rwanda ntawuzongera kwicwa cyangwa gutotezwa azira uwo ariwe cyangwa uko yavutse.

Mu gusoza, nagira ngo nongere nihanganishe abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi muri ibi bihe twibuka abacu, dusezeranya GAERG ubufatanye mu gukomeza inzira y'ubushakashatsi ku miryango yazimye, ariko kandi nkuko nabivuze, nongera kubasaba kugira ubutwari n'umurava byo kwandika ibitabo bishingiye kuri aya mateka.

Ndasaba GAERG gukora *database* nziza igaragaza amakuru nyayo ku miryango yazimye azashingirwaho mu bundi bushakashatsi ; nanabashishikariza gukomeza gukora ibindi bikorwa bigamije kurwanya abapfobya n'abahakana Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ndanashimira kandi abarokotse Jenoside muri rusange ku musanzu wanyu mu Kubaka u Rwanda rwari rumaze gusenyuka, mbizeza ubufatanye bw'inzego zose za Leta muri icyo gikorwa.

Murakoze. Dukomeze kwibuka twiyubaka.